National Bank of Rwanda
Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4/P.O. Box 531 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

*The Governor*

## ITANGAZO

## INOTI NSHYA YA FRW 5000 N'IYA FRW 2000

Hashingiwe kw'Igazeti ya Leta n° Idasanzwe yo ku wa 30/08/2024: Iteka rya Perezida n° 073/01 ryo ku wa 29/08/2024 rishyiraho inoti nshya y'amafaranga ibihumbi bitanu (Frw 5000) n'iy'ibihumbi bibiri (FRW 2000), Banki Nkuru y'u Rwanda iramenyesha abaturarwanda bose ko izo noti zizashyirwa kw'isoko guhera tariki ya 03 Nzeli 2024.

Ibimenyetso by'ingenzi by'izi noti ni ibi bikurikira:

### Inoti nshya y'amafaranga ibihumbi bitanu (Frw 5000)

- Uko ingana: 145mm x 72mm.
- Ishusho igaragara muri iyo noti: Ikirangantego cya Repubulika y'u Rwanda n' inyuguti «BNR» munsi yacyo. Iyi shusho iri mu ruhande rw'iburyo bw'inoti.
- Ibara ryiganjemo: Ibihogo bijya gusa n'ibara rya roza.

Ibindi bimenyetso:
Imbere:
- Igishushanyo kigaragara imbere: Inyubako «Kigali Convention Center».
- Ishusho y'ingagi ihinduranya amabara, bitewe n'icyerekezo inoti ifatiwemo, iri mu ruhande rw'ibumoso bw'inyubako «Kigali Convention Center»
- Igishushanyo cy'umubare «5000» kiri munsi y'amagabo «Iyi noti yemewe n'amategeko» kibonerana mu noti bitewe n'icyerekezo inoti ifatiwemo.

Inyuma:
- Igishushanyo kigaragara inyuma: Uduseke tubiri n'inkangara iteretsemo agacuma iteretse mu nzu ya kinyarwanda yo hambere.
- Agashumi gacikaguritse karinda inoti kanditsweho inyandiko nto zigizwe n'inyuguti «BNR» n'umubare «5000», kari mu ibara ry'umutuku gahindura ibara mu cyatsi kibisi bitewe n'icyerekezo inoti ifatiwemo, kari mu ruhande rw'ibumoso bw'inoti.

### Inoti nshya y'amafaranga ibihumbi bibiri (Frw 2000)

- Uko ingana: 142mm x 72mm
- Ishusho igaragara muri iyo noti: Ikirangantego cya Repubulika y'u Rwanda n' inyuguti «BNR» munsi yacyo. Iyi shusho iri mu ruhande rw'iburyo bw'inoti.
- Ibara ryiganjemo: Umwura ucyeye.

Ibindi bimenyetso :
Imbere:
- Igishushanyo kigaragara imbere: Imisozi y'ikiyaga cya Kivu.
- Ishusho y'agaseke ihinduranya amabara, bitewe n'icyerekezo inoti ifatiwemo. Iyi shusho iri mu ruhande rw'ibumoso-hejuru bw'ishusho y'imisozi y'ikiyaga cya Kivu.
- Ishusho y'umubare «2000», iri munsi y'amagambo «Iyi noti yemewe n'amategeko» yihinduranya amabara bitewe n'icyerekezo inoti ifatiwemo.

Inyuma:

- Igishushanyo kigaragara inyuma: Intete z'ikawa zikaranze neza.
- Agashumi gacikaguritse karinda inoti kanditseho inyandiko nto zigizwe n'inyuguti «BNR» n'umubare «2000», kari mu ibara ry'icyatsi gahindura ibara mu bururu bitewe n'icyerekezo inoti ifatiwemo, kari mu ruhande rw'ibumoso bw'inoti.

<u>Icyitonderwa:</u>

- Inoti nshya ya Frw 5000 n'iya Frw 2000 zizakoreshwa hamwe n'inoti zisanzweho,ni ukuvuga inoti ya Frw 500, iya Frw 1000, iya Frw 2000 n'iya Frw 5000, kandi zifite agaciro mu Rwanda.

**Bikorewe i Kigali, kuwa 30 Kanama 2024**

**RWANGOMBWA John**
**Guverineri wa Banki Nkuru y'u Rwanda**